CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA KU ITARIKI 24 KUGEZA KU YA 27 NZERI 2024

Guhera ku itariki ya 24 kugera ku ya 27 Nzeri 2024, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda i Kigali. Imirimo y'Inteko rusange y'171 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatorika mu Rwanda. Inama yabimbuwe n'isengesho saa yine za mu gitondo. Abepiskopi ba Diyosezi indwi bitabiriye inama, babiri bari mu butumwa i Roma.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, wari uherekejwe na Padiri Tomasz GDULA umunyamabanga mu biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda.

Mu ijambo ritangiza imirimo Nteko Rusange, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye abepiskopi abaha ikaze, ababwira gahunda y'inama, abifuriza kuzagira imirimo myiza. Yahaye ikaze Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Arnaldo Catalan, amushimira ko iteka yitabira ubutumire bwo gutangiza Inama rusange. Ku buryo bw'umwihariko yakiriye Musenyeri Jean Bosco NTAGUNGIRA, Umwepiskopi watowe wa Diyosezi ya Butare, wari uje mu nama bwa mbere. Yashimiye kandi Musenyeri Filipo Rukamba utangiye ikiruhuko cy'izabukuru imirimo myiza yakoreye Inama y'Abepiskopi Gatorika mu Rwanda na diyosezi ya Butare yari abereye umushumba. Nyiricyubahiro Antoine Kardinali Kambanda yibukije ko inama yo muri Nzeri akenshi isuzuma ibirebana n'uburyo umutungo wakoreshejwe mu mwaka urangiye n'ibiteganywa gukorwa mu mwaka w'ubutumwa utangiye. Ibyo bikanajyana no kumva uko umwaka w'ibikorwa wagenze muri rusange. Yasabye buri wese gutanga umuganda w'ibitekerezo biganisha ku cyarushaho gufasha mu kwibeshaho no mu migendekere myiza y'ibikorwa mu maseminari, amakomisiyo n'amaserivisi bya CEPR.

Intumwa ya Papa, mu ijambo rye, yasabye kuzirikana ku mwanya w'Umwepiskopi muri Kiliziya no ku ruhare agira mu kuyobora abantu ku mukiro Imana itanga. Yavuze ko Abepiskopi ari abo Kiliziya itora, bagashyirwa mu rwego rukuru rw'Ubusaserdoti kugirango babe abagabuzi badahinyuka b'amabanga y'Imana, ni bo bafite inshingano yo kwita no kurinda liturjiya ntagatifu n'aho ikorerwa. Yabwiye Abepiskopi bari mu nama ko kuva kera kiliziya ari ahantu hatagatifu, bityo hakaba hagomba kubahwa. Ni inyubako igaragaza ikimenyetso kizima cy'ubukuru n'ubudashyikirwa bw'Imana ihoraho. Yashoje asaba ko inzu y'Imana ikwiye kubakwa ahantu heza kandi habereye gusengerwa no guhura n'Imana.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yamurikiye abandi Bepiskopi gahunda yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Hakurikiyeho kugezanyaho iby'ingenzi mu byaranze ubutumwa bwa buri Mwepiskopi hagati ya Gicurasi na Nzeri 2024. Umunsi wa mbere wasojwe no guhana ibitekerezo ku nama itegurwa izahuza Abepiskopi bo muri Afrika na Madasikari (SCEAM), barebera hamwe icyakorwa kugira ngo izagende neza. Bemeje ko hashyirwaho amakomisiyo yo kuyitegura. Imirimo y'iyi Nteko rusange yasuzumye ibiri ku murongo w'ibyigwa igenda ibivugaho ingingo ku yindi:

1. **Raporo y'amaseminari, amakomisiyo n'amaserivisi za CEPR**

Abepiskopi bafashe umwanya uhagije wo gutega amatwi no gusuzuma raporo z'uburyo umutungo wakoreshejwe mu maseminari, amakomisiyo n'amaserivisi by'Inama Nkuru y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Bishimiye ko umwaka warangiye neza, basaba abo bireba gukomeza kwita ku gucunga neza no gushaka uburyo bwo kubyaza umusaruro ubutaka n'indi mitungo mu rwego rwo kuganisha mu kwibeshaho.

2. **Ikibazo cya za kiliziya zifunze**

Abepiskopi bari mu nama bagaragaje ko bahangayikishijwe n'ifungwa rya kiliziya za paruwasi nyinshi, amasantarari n'amasikurusale (Succursales). Babajwe cyane ni uko hari abakristu badashobora gusengera hamwe no kumva igitambo cya misa. Koko rero kiliziya za paruwasi 47 na kiliziya za santarari 474 zirafunze hirya no hino mu Rwanda. Baramenyesha abakristu ko bifatanyije na bo muri ibi bihe. Barasaba abasaserdoti n'abihayimana kuba hafi y'abakristu no kubakomeza mu kwemera. Barabamenyesha kandi ko bariho bavugana n'inzego z'ubuyobozi zibishinzwe, n'ubu ibiganiro bikaba bikomeje. Abepiskopi barizera ko ubuyobozi buzafungurira vuba abagaragaje gushyira mu bikorwa ibisabwa.

3. **Imyiteguro y'Ikoraniro ry'Ukaristiya ku rwego rw'igihugu**

Mu birebana n'imyiteguro yo guhimbaza Ikoraniro ry'Ukaristiya Ntagatifu mu rwego rwa yubile y'impurirane, Myr Filipo Rukamba yagejeje ku bari mu nama aho imyiteguro igeze. Muri Diyosezi ya Butare rero batangiye kwitegura bya hafi ku buryo barangije gukora ingengabihe no kugena aho ibikorwa by'Ikoraniro bizabera. Ikoraniro ry'Ukaristiya ku rwego rw'igihugu rizatangira ku ya 5 Ukuboza rirangire ku ya 8 Ukuboza 2024. Rizazenguruka amaparuwasi atandukanye akikije Paruwasi Katedrali ya Butare, aho hose hazabera misa n'ibiganiro k'Ukaristiya ntagatifu.

4. **Ikoraniro ry'Ukaristiya ku rwego rw'isi i QUITO**

Mgr Vincent Harolimana, umwepiskopi wa Ruhengeri, yagejeje ku nama y'Abepiskopi uko Ikoraniro ry'Ukaristiya rya 53 ku rwego rw'isi ryabereye i Quito mu gihugu cya Equateur, muri Amerika y'Epfo, kuva ku itariki ya 8 kugeza kuri 15 Nzeri 2024 ryagenze. Yibukije ko ryari rifite insanganyamatsiko igira iti : *Ubuvandimwe ni bwo bukiza isi; Mwese muri abavandimwe* (Mt23,8). Yabwiye abandi Bepiskopi uburyo ryaranzwe n'icyubahiro gikomeye cyahawe Ukaristiya ntagatifu mu mutambagiro, mu gushengerera no mu misa ntagatifu, kuva ku bayobozi bakuru b'igihugu kugera kuri rubanda rwose rw'Abakirisitu. Inyigisho zibanze ku buvandimwe nk'inzira yo gukiza isi, abantu bibagiwe ko ari abavandimwe nyamara ubuvandimwe ari ngombwa, si icyo wahitamo cyangwa ukareka, ni itegeko k'uwitwa uwa Kristu wese. Ukaristiya idufasha kuririmba ubuvandimwe. Ikoraniro ritaha ry'Ukaristiya ku rwego rw'isi rizabera i Sydney muri Australia, mu mwaka w' 2028.

**5. Inama ya SCEAM**

Abepiskopi bongeye kwishimira ko inama ihuza Abepiskopi b'Afrika na Madagaskari izabera mu Rwanda. Musenyeri Visenti Harolimana, Umwepiskopi wa Ruhengeri akaba no muri komite iyoboye SCEAM yamenyesheje ko amatariki y'Inama yahindutse gato. Izatangira kuri 30 Nyakanga 2025 irangize imirimo yayo ku ya 4 Kanama 2025. Komite ihoraho ya SCEAM izaza gukorera inama i Kigali no gusura aho izabera, hagati y'itariki ya 25 na 29 Ugushyingo 2025.

**6. Sinode ku kugendera hamwe izabera i Roma**

Abepiskopi baganiriye kuri sinode, ikiciro cyayo cya nyuma kizabera i Roma kuva ku itariki ya 29 Nzeri kugera kuri 27 Ukwakira 2024. U Rwanda ruzahagararirwa na Nyiricyubahiro Musenyeri Edouard Sinayobye, Umwepiskopi wa Cyangugu. Abepiskopi bamwifurije kuzagira inama nziza kandi bifuza ko ibyemezo byazayifatirwamo byazashingira ku ijambo ry'Imana, ku kwemera no ku nyigisho za Kiliziya uko zagiye ziherereka nywa.

**7. Ibaruwa ya kabiri y'Abepiskopi ijyana n'igihe cya yubile y'impurirane**

Abepiskopi basuzumye ibaruwa bariho bategura, biyemeza ko izasomerwa abakirisitu muri yubile i Butare, mu gihe cy'Ikoraniro ry'Ukaristiya. Bayikoreye ubugororangingo, barebera hamwe ibyakongerwamo, biyemeza ko ikomeza kunonosorwa ikazatanga ubutumwa bufasha abakristu kumva umurimo wa Kiliziya kuva yagera mu Rwanda kugeza ubu.

**8. Ibyemezo, ibyifuzo n'imyanzuro by'Abepiskopi**

Mu gusoza imirimo y'Inteko rusange y'171, dore imwe mu myanzuro n'ibyemezo byayifatiwemo:

1. Abepiskopi biyemeje gukomeza kuganira n'abayobozi ku birebana n'ifungwa rya za Kiliziya.
2. Abepiskopi bongeye gutsindagira ko urwego rwa Kiliziya rufite ubuzima gatozi ari Diyosezi, bityo abayobozi bakeneye ibyo bifuza bajya banyura iteka kuri urwo rwego.
3. Abepiskopi basabye abakristu bose ko urwego rw'isanamitima twari tumaze kugeraho rutakendera, kuko batagihura ngo basenge aho Kiliziya zifunze, barabasaba gukomeza gusenga ubudacogora.
4. Abepiskopi biyemeje gukomeza kugaragariza inzego zitandukanye akamaro ko gusenga no kwitabira ibikorwa by'iyobokamana, umuryango udasenga urasenyuka.
5. Abepiskopi bemeje ko hajyaho amakomisiyo ategura Inama ihuza Abepiskopi ba Afurika na Madagasikari (SCEAM).
6. Abepiskopi biyemeje gushyira imbaraga mu ikenurabushyo ry'imiryango ya Agisiyo gatolika mu maseminari.
7. Abepiskopi bemeje ko ababikira ba Mutagatifu Roeselare bazaza gufasha mu Iseminari nkuru ya Kabgayi
8. Abepiskopi basabye ko amaseminari, amakomisiyo n'amaserivisi byatangira gutekereza uburyo bwo kwibeshaho kuko inkunga zo hanze ziragenda ziba nke.
9. Abepiskopi basabye Caritas ko, kubera ubunararibonye isanganywe, yagira uruhare mu kuzamura ubumenyi n'ubushobozi by'abandi bakozi ba Conférence Episcopale du Rwanda
10. Abepiskopi bemeje ko Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro igira ubuzimagatozi.
11. Abepiskopi bemeje ko inama itaha ya komite ihoraho ya CEPR yimurirwa kuri 29/11/2024.
12. Abepiskopi bemeje ko ikoraniro ry'Ukaristiya ryajya riba buri myaka ine mu rwego rw'igihugu.

Imirimo y'Inteko Rusange yasojwe n'isengesho, ku wa gatanu tariki ya 27 Nzeri 2024, saa cyenda z'amanywa, Abepiskopi bifurizanya ubutumwa bwiza, bifuriza kandi Musenyeri Visenti Harolimana, umwepiskopi wa Ruhengeri, akaba na Visi Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, umunsi mwiza wa Bazina Mutagatifu, Mt Visenti wa Pawulo; banifurije kandi Musenyeri Yohani Bosiko Ntagungira imyiteguro myiza yo kwakira ingabire y'ubwepiskopi.

Bikorewe i Kigali, ku wa 27 Nzeri 2024

**Padiri Védaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B P 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *